ITANGWA RY'ISAKRAMENTU RY'UGUKOMEZWA MURI PARUWASI KATEDARALE YA NYUNDO (Tariki 15 Ukwakira 2017)

Kuri iki cyumweru tariki 15/10/2017 muri Paroisse Cathédrale ya Nyundo hatanzwe i Sakramentu ry'ugukomezwa kubanyeshuri. Igitambo cy'Ukaristiya cyatuwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepisikopi wa Diyosezi Gatolika ya Nyundo. Kuri uyu munsi kandi hari na Nyakubahwa Ministre Jean Philibert NSENGIMANA, Ministre

w'Ikoranabuhanga, by'umwihariko wize mu Iseminari nto ya Nyundo. Nyiricyubahiro Musenyeri yagize ubutumwa agenera urwo rubyiruko ; dore ko hari hateraniye muri iyo Missa : Seminari nto ya Mutagatifu Piyo wa X, G.S.N.D.A., Ecole d'Art, na bamwe mu banyeshuri bo muri G.S. KANAMA, hamwe n'abandi bakristu bari baje gushyigikira abo bana bahawe ingabire za Roho Mutagatifu babikesha kuramburirwaho ibiganza n'Umwepisiskopi.

Bakristu Bavandimwe, rubyiruko rwacu, by'umwihariko mwebwe mugiye guhabwa Isakramentu ry'Ugukonezwa uyu munsi, mukakira ingabire za Roho Mutagatifu, mbifurije icyumweru cyiza mwese. KristuYezu akuzwe.

Mbere y'uko tugera ku mihango mitagatifu nyirizina y'Isakramentu ry'Ugukomezwa, ndagirango tubanze tuzirikane kuri aya masomo matagatifu uko ari atatu tumaze kumva.

Igitekerezo-fatizo twakura muri aya masomo y'iki cyumweru twagihera kucyifuzo cya Nyagasani Imana yacu idutumira twese mu bukwe. Mu Isomo rya mbere ryo mugitabo cy'Umuhanuzi Izayi, twumvise ko, ngo Uhoraho

azakorera amahanga yose umunsi mukuru, maze azimanire abatumirwa ibiribwa n'ibinyobwa biryohereye. Ngo azatanyagura igishura cyoroshe amahanga, maze atsembe burundu icyitwa urupfu cyose. Ubu buhanuzi bwa Izayi buratwereka bwa bukwe bwa Ntama w'Imana, buraduhishurira bwa bukwe tuzataha mu ngoma y'Ijuru Ivanjili ya Matayo nayo yatubwiye.

Bakristu Bavandimwe, nk'uko Umuhanuzi Izayi abiturarikira, ngo kuri uwo munsi w'ubukwe, amahanga yose azavuga ati : « Uhoraho ni we Mana yacu. Twaramwiringiye aratubohora, amizero yacu ari muri Uhoraho. Nitwishime tunezerwe, kuko aducungura ».

Nyamara rero Bavandimwe, ubukwe bwa Ntama w'Imana, tuburimo ,twabwinjiyemo kuva twahabwa Batisimu tukanywana na Kristu. Igihe cyose duteranye nk'uku nguku dusenga, twakira Ijambo ry'Imana, tuba turi muri byabyishimo, bizasendera igihe tuzaba twatashye Ingoma y'Ijuru. Buri munsi dukwiye guhora tuzirikana ko Uhoraho ariwe Mana yacu, dukwiye guhora tumwiringiye kuko ahora ahangayikishijwe no kutubohora ku ngoyi y'icyaha, ari rwo rupfu rwacu. Dukwiye guhora twishimanye na Kristu waje kuducungura. Ibyo byishimo byacu kandi bikaba ibyatwese, tukabisangira twese nk'abana b'umubyeyi umwe kandi udukunda twese.

Mu Ivanjili ya Matayo twumvise ukuntu Yezu atugereranyiriza Ingoma y'Ijuru nk'umwami wacyuje ubukwe bw'Umuhunguwe. Abari batumiwe mu bukwe, ntibabyitayeho, bigiriye mu byabo birengagiza ubutumire bahawe. Ndetse Umwami agerageje kubibutsa ko bategerejwe mu bukwe, byose byateguwe, ahubwo abo abatumyeho babagirira nabi.

Nguko Bakristu Bavandimwe, uko natwe dushobora kuba twitwara ku butumire Nyagasani adahwema kutwohereza iyo aduhamagarira guhora mu byishimo bya Kristu. Ni kenshi natwe yenda twigira mu byacu tugatera umugongo iby'Imana. Ni kenshi duha umwanya mwinshi ibidashimisha Imana n'Abavandimwe bacu. Ni kenshi dutwarwa n'iby'isi, tukirenganiza iby'Ijuru. Ni kenshi turarikira ibidushimisha by'akanya gato, tukirengangiza ibizatugeza mu bugingo bw'iteka. Ni kenshi duhitamo inzira y'umwijima w'ibyaha, tukanga kugendera mu rumuri rwa Kristu. Kokorero tugomba guhora twibuka ko Kristu ariwe Nzira, Ukuri n'Ubugingo.

Twumvise ko Umwami wari wacyuje ubukwe, aho amariye kubona ko abatumirwa badashaka kumwumva, ngo yasabye abagaragu be kujya mu mayirabiri gutumira abantu bose, abahisi n'abagenzi batari bafitanye gahunda

nawe. Nyamara nk'uko twabyumvise, ngo mu gihe bose bari bakoraniye mu nzu y'ubukwe, Umwami yaje kubona utari yambaye neza, maze ategeka ko bamujugunya hanze. Natangiye mbabwira ko natwe turi mu bukwe buhoraho bwa Ntama w'Imana. Ni byiza rero ko natwe duhora twibaza niba duhorana umwambaro ukeye w'ubukwe. Ese koko umutima wacu ni wawundi uhora ukeye nk'umuntu wakereye gutaha ubukwe. Ubusanzwe nyine, iyo tugiye mu bukwe aho twatumiwe tugerageza kugenda dusa neza, twambaye neza kugirango hataza kugira uduseka avuga ko twambaye nabi. No mu buzima bwacu n'Imana yacu rero n'abavandimwe bacu, tugomba guhora twitwararitse kugirango hatagira igitotsi kigaragara mu myitwarire yacu. Iyo twitwaye nabi, natwe tuba tubaye nka wawundi watashye ubukwe adafite umwambaro w'ubukwe, maze Umwami agategeka ko asukwa hanze. Ibikorwa byacu bya buri munsi, imitekerereze yacu ya buri munsi ijye iba ntamakemwa, maze utubonye wese, abone ko turi abantu bahora bakereye gutaha ubukwe bwa Ntama w'Imana.

Nguko Bakristu, Bavandimwe uko tuzasenderezwa ingabire z'Imana nk'uko Pawulo Mutagatifu yabitwibukije mu Isomo rya kabiri. Kandi izo ngabire z'Imana, Yezu Kristu yaje kutumenyesha, turushaho kuzimenya iyo tubwirijwe na Roho Mutagatifu, tukagendera mu rumuri rw'uwo Roho Mutagatifu twahaweho Umuhoza n'Umuvugizi. Mu kanya tugiye kwifatanya n'abana bacu bakereye kwakira izo ngabire za Roho Mutagatifu. Bana bacu, nk'uko nza kubibabwira mu nyigisho ibanziriza Isakramentu nyirizina ry'Ugukomezwa, ubwo mugiye kwakira izo ngabire ntagereranywa za Roho w'Imana, muzagende murushaho guhora mwiteguye bwa bukwe bwa Ntama w'Imana twakomeje kuvuga. Aho muzaba hose, mwifashishije ibikorwa byiza byanyu, inama nziza zanyu, imitekerereze myiza yanyu, muzajye mubera abandi urumuri n'umunyu by'isi. Ingabire za Roho Mutagatifu mugiye guhabwa mu kanya zirabagira abantu bakomeye mu kwemera. Turabifuriza rero gukomeza kuba Intumwa nziza za Yezu Kristu aho muri hose. Namwe mwese Bakristu Bavandimwe, uyu munsi utubere akanya ko kongera kwivugurura mu kwemera kwacu, twiyibutsa natwe Roho Mutagatifu twahawe, twibaza niba twera imbuto nziza z'abantu bayobowe koko na Roho Mutagatifu. Natwe biduhe kwibaza niba duhora twambaye umwambaro w'ubukwe uko bikwiye. Maze natwe nk'Umuhanuzi Izayi igihe nikigera tuzavuge tuti : « Uhoraho ni We Mana yacu. Twaramwiringiye aratubohora, amizero yacu ari muri Uhoraho. Nitwishime tunezerwe, kuko aducungura ». **Nyagasani Yezu nabane namwe.**

Nyuma y'Igitambo cy'Ukaristiya Nyakubahwa Ministre Jean Philibert NSENGIMANA, mu mwanya yahawe yagize icyo abwira urwo rubyiruko rwari ruteraniye aho :

Ndashimira Nyiricyubahiro Musenyeri Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo ku butumire yampaye bwo kugaruka hano ku Nyundo ; Ni n'umwanya kandi wo kongera kwifuriza abapadiri yubile nziza mu mwaka w'ubusaseridoti.

Mfite ibyishimo byo kugaruka kwifatanya n'abakristu ba Nyundo na Seminari nto ya Nyundo nyuma y'imyaka 24. Hari byinshi byahindutse, hari n'ibindi bitahindutse. Iyi Altari…..numvise hari n'amarushanwa y'umupira w'amaguru mu bakobwa. Nibyiza cyane. Nababwira muri make amateka yanjye niga mu i seminari nto ya Nyundo : mu myaka 1987-1993 yambereye imyaka yo kwigiramo byinshi biguteguriramo kuba icyo uzaba cyo. Amatsinda anyuranye ukura ukoreramo, Amatorero ujyamo, imikino ukina, bituma umenya impano wifitemo. Uko ugenda ukura wigiramo kumenya kubana n'abandi, kuyobora no

kwitanga, leadership ; niga nabaye umuyobozi w'aba Croix Rouge ,Doyen w'abaseminari.

Muri Kaminuza, nk'uko nabitojwe mu seminar nto sinigeze mfusha ubusa umwanya wanjye mu bitangirira akamaro. Nashoboraga kuruhuka nkina tennis, ping pong, chess, nyobora amatsinda amwe namwe nari nshinzwe, kandi ntibimbuze kub auwambere mu Ishuri first in class. Namwe rero rubyiruko muri hano nababwira nti Ntimugapfushe ubusa umwanya imbaraga n'ubuto byanyu.

Intego ni «kwera imbuto nyinshi kandi nziza» nk'uko Nyiricyubahiro Musenyeri yabivuze, ukuba abagabo n'abagore b'ingirakamaro ku giti cyanyu, ku miryango yanyu, Kiliziya n'igihugu cyacu. Kwera imbuto mbere na mbere ni ukuba wowe, uwo waremewe, ntakwigana ingendo y'undi, cyangwa gutwarwa n'ibikurangaza.

Rubyiruko kandi bana bacu nagira ngo mbabwire ko ubuzima ni uruhererekane rw'amahitamo n'ibyemezo ugenda ufata. Uzaharanire mu buzima bwawe gukora ikintu gihuje ibi bintu bine bikurukira: icyo ukunda (Passion), icyo ushoboye cyangwa urusha abandi(Talent),igitanga umusaruro(Profession),igifitiye abandi akamaro(Vocation). Muzarangwe kandi n'ibintu bitatu:

Gufata ibyemezo. Kudafata icyemezo nabyo ni icyemezo. Kudafata ingamba ni ukutagambirira gutsindwa kuko mu ntego habaho imbaraga. Guhora mwiyungura ubumenyi, musoma. Muzabe abantu basoma. Muhore mwihugura-musome mwongere musome. Burya uwo muhanganye si uwo mwicaranye cyangwa muturanye. Ni ugutuyemo. Ni wowe wejo hahise.

Mwirinde ihene mbi, agakungu, amazimwe, gupfusha umwanya n'imbaraga ubusa. Uhitemo inshuti zikubaka, ufite icyo wigiraho. Uzabe wowe ntuzagire uwo utiza ikaramu yandika amateka yawe.

Ikoranabuhanga ni amahirwe adasanzwe. Iseminari niyo yambibyemo urubuto rwo gukunda ikoranabuhanga. Muzarikeneke, ribakorere, ntirizabakoreshe.

Babyeyi mwaje gushyigikira aba bana bahawe isakramentu ry'Ugukomezwa, namwe mwese Bakristu ba Paruwasi ya Nyundo,turabifuriza Kubaka uumuryango ukomeye, umusingi w'amahoro n'iteranbere. Kwita ku bana,isuku, uburere, mutanga ingero nziza zizira amakimbirane mu ngo.

Ndangije nongera Gushimira Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umwepisikopi wa Diyosezi ya Nyundo wampaye aka kanya ngo ndamutse abakristu nganirize n'uru rubyiruko rw'abanyeshuri. Mugire icyumweru cyiza.

Mu gusoza Igitambo cy'Ukaristiya Nyiricyubahiro Musenyeri yashimiye Nyakubahwa Ministre ku butumwa bwiza ahaye urubyiruko, ku buhamya bwiza bwo kwiyubakamo icyizere, n'ishyaka ry'umurimo unoze. Yamushimiye kandi ko yemeye ku garuka aho yarerewe. Yarangije asaba urubyiruko rwari aho gukomeza gufata neza amahirwe bahabwa mu mashuri bigamo, kandi ko ejo hazaza habo ari heza. Abashishikariza kwiga neza bagakura banogeye Imana n'abantu, bityo bakazigirira akamaro bo ubwabo, bakakagirira Kiliziya ndetse n'Igihugu cyacu muri rusange. Yashimiye ababyeyi bihatira gutanga ingero nziza ku bana biga ashimira n'abandi bashyigikira abana mu mashuri.